go4peace
BUILDING BRIDGES

*Gicurasi 2025* *ikinyarwanda*

# Tanga ihumure!

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

***Kontakt:*** *Meinolf Wacker*
*Kirchplatz 7*
*59174 Kamen*

*Mobil.:* *+49-172-5638432*
*Mail:* *m.wacker@go4peace.eu*
*Homepage* *www.go4peace.eu*

Nshuti bakunzi ba go4peace,

muri uyu mwaka mutagatifu, aho Papa Fransisko adutumirira gufata urugendo nk'abahamya b'ukwizera, Filmon uturuka muri Eritereya aragabaniriza muri Gicurasi "ibihe bikomeye by'ukwizera yagize mu buzima bwe:

„Nakuriye muri Eritereya. Mfite imyaka 16, urubyiruko rwinshi mu gihugu cyanjye rwahatiwe kujya mu gisirikare. Ariko njye nari nariyemeje kubaho nta bwoba, no kugera ku nzozi zanjye zo kwiga. Kugira ngo mbigereho, njye n'inshuti zanjye twahisemo guhunga mu gihe hari ibihu byinshi kandi ari nijoro. Icyizere nari nifitemo ko Imana igendana nanjye aho njya hose, cyatumye mbasha kugera i Burayi, n'ubwo inzira yari ndende cyane.

Mu gihe twari mu nzira duhunga, nakomeje gukura icyizere n'ihumure mu kuba hamwe n'inshuti zanjye. Buri umwe muri twe yageragezaga kubera mugenzi urugero rwiza rw'ukwizera, mu gukomezanya umwe ku wundi. Twese twari tuzi neza ko turi mu rugendo ruteye ubwoba. Gusubira inyuma ntibyari bigishoboka! Kandi nta n'icyizere twari dufite cy'uko tuzagera aho twifuzaga, i Burayi. Ariko amagambo y'ihumure twabwiranaga iteka, yamfashije kudacika intege, kugeza ngeze ku nzozi zanjye ari zo kubaho mu bwisanzure."

Twifatanye na Filmon muri uku kwezi kwa Gicurasi twubakiye ku nsanganyamatsiko igira iti: *Tanga ihumure*!

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mugire ubutwari bwo gusangiza abandi ubuhamya bwanyu kuri porogaramu ya go4peace muri serivisi " Discover & write".".